Kigali, kuwa 31Ukwakira 2020

Imvura iteganyijwe hagati ya tariki ya 1-10 Ugushyingo 2020

Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 160 iteganyijwe hirya no hino mu gihugu hagati y'itariki ya 1 n'iya 10 Ugushyingo 2020. Biteganyijwe ko Intara y'Amajyaruguru, iy'Iburengerazuba n'iy'Amajyepfo zizabona imvura nyinshi kurusha utundi turere two mu gihugu. Imvura iteganyijwe kandi izaba iri hejuru gato y'impuzandego y'imisi icumi ibanza y'ukwezi k'ugushingo, ibi bikaba biterwa nuko dufite isangano ry'imiyaga ryiganje mu karere u Rwanda ruherereyemo ndetse n'ubuhehere by'umuka buturuka mu nyanja y'Abahinde bwiyongereyeho gato ugereranyije n'uko byari bimeze mu minsi ishize. Imvura iteganyijwe kuziyongera ku matariki ya 1, n'iya 2 no kuva tariki 6 kugera mu mpera z'iminsi icumi ariko imvura nke izagwa no kuyindi minsi henshi mu gihugu.

Imvura iteganyijwe hirya no mu gihugu:

Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80 iteganyijwe mu burasirazuba bw'Uturere twa Nyagatare na Gatsibo no mu gace gato k'Akarere Kayonza kegereye pariki y'igihugu y'Akagera.

Imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100 iteganyijwe mu turere twa Kirehe, Ngoma, Rwamagana, Bugesera, Gisagara, Huye, Nyanza, Ruhango, Nyarugenge na Kicukiro.Iteganyijwe kandi mu gace gato k'uburasirazuba bw'Uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru, amajyepfo y'Uturere twa Muhanga, Kamonyi, Gasabo, Gatsibo, Gasabo ndetse n'ahenshi mu karere ka Kayonza.

Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120 iteganyijwe ahenshi muri Ngororero, mu burasirazuba bw'Akarere ka Karongi, igice cy'Akarere ka Muhanga, mu majyaruguru y'Uturere twa Kamonyi na Gasabo ndetse no mu gace gato k'amajyepfo y'Uturere twa Rulindo na Rutsiro.

Imvura iri hagati ya milimetero 120 na 140 iteganyijwe mu turere twa Rubavu na Gicumbi, amajyaruguru y'uburengerazuba bw'Akarere ka Karongi n'aka Gatsibo, ahenshi muri Rustiro na Rulindo, agace gato ka Nyabihu gahana imbibi na Rubavu, ahenshi mu majyepfo y'Akarere ka Gakenke, mu bice by'uburengerazuba bw'Uturere twa Nyagatare na Rusizi, amajyepfo y'uburengerazuba bw'Akarere ka Nyamasheke ndetse n'amajyepfo y'uburasirazu bw'Akarere ka Burera.

Imvura iri hagati ya milimetero 140 na 160 iteganyijwe mu karere ka Musanze, mu majyaruguru y'Akarere ka Gakenke n'igice gito cy'amajyaruguru y'Akarere ka Ngororero na Muhanga; iteganyijwe

kandi mu burasirazuba bw'Akarere ka Rusizi, mu bice by'amajyepfo y'Akarere ka Karongi no mu bice byinshi by'Uturere twa Burera, Nyabihu, Nyaruguru, Nyamagabe na Nyamasheke.